

Uburenganzira bwawe n'ibyo Usabwa

Uburenganzira bwawe:

Amakuru yose akureba uha WIC azaguma ari ibanga.

Ibisabwa kugira ngo ubone WIC ni bimwe kuri bose, hatarebwe ubwoko, urukoba, igihugu cy'amamuko, imyaka, ubumuga cyange igitsina.

Igihe wasanga wakorewe ivangura, ushobora kwitwara (gushinja).

Ibyo Usabwa:

Uzane impapuro zose zisabwa kuri buri gahunda (appointment).

Menyesha ihinduka rya address na/cange terefone ibiro bya WIC bikwegereye.

Ubike amasehki yawe ya WIC ahantu atazotakara; amasehki yatakaye cyange yibwe ashore kutazasubirizwa.

Igihe narenga ku mategeko ari aha hejuru, njyewe cyange umuryango wangye:

Dushobora kvanwa muri programu ya WIC igihe gishika umwaka.

Tuzakwishura programu amahera y'ibiryo cyange amata y'abana tuzaba twaronse tutabirekuriwe.

Dushobora guhanwa n'amategeko.

Maze kumenyeshwa uburenganzira bwanyje n'ibyo nsabwa nk'uri muri programu ya WIC.

Ndemeza ko amakuru natanze kugira ngo nemerewe ari ay'ukuri, aho ukumenya kwanjye kugera.

Uku kwemeza amakuru ngukoze kugira ngo mbone ibiryo bihabwa abatikwije. Abakozi ba programu bashobora gusuzuma amakuru nabahaye.

Ndatahura ko nshobora kvanwa muri Programu ya WIC mu gihe:

Njyewe cyange abana banjye bari muri Programu za WIC zirenze imwe ku mwanya umwe (Kuba mui programu zibiri)

Natanga amakuru atari yo ku bijyanye n'amahera nkorera, umubare w'abagize umuryango wanjye n'ikibanza dutuyemo (forode).

Njye cyange uwemerewe kumfasha guhaha yakoresha amasehki ya WIC ku mudandaza (imangazini, umwirimizi, isoko y'abirimizi) itemerewe kwakira ayo masheki (forode).

Njye cyange uwemerewe kumfasha guhaha yagura ibiryo bitemewe akoresheje amasheki ya WIC (gukaba, gucuruza).

Njye cyange undi muntu mu mwanya wanjye yagurisha, agakaba, cyange agatanga amasheki ya WIC (gukaba, gucuruza)

Njye cyange undi muntu mu mwanya wanjye yakaba ibiryo bya WIC amahera y'amakashi, inguzanyo, cyange ibiryo bitemewe muri WIC (gucuruza).

Njye canjye mu mwanya wanjye yagurisha cyange agakaba amapompe y'amashirika agabwa cyange akoswe na WIC, cyange ibiryo bya WIC, harimo amata y'abana, byaguzwe hakoreshejwe amasheki ya WIC bigakabwa amahera y'amakashi, inguzanyo, cyange ibindi biryo cyange serivisi-ibyo bankorera (gucuruza).

Njye cyange undi muntu mu mwanya wange agatanga amapompu y'amashirika agabwa cyange akoswe na WIC cyange ibiryo bya WIC, harimo amata y'abana byaguzwe mu masheki ya WIC (forode).

Njyewe cyange undi muntu mu mwanya wanjye yagira icyo ahindura ku masheki yanjye ya WIC (amagendu).

Njyewe cyange undi muntu mu mwanya wanjye yatangariza ibyo mfashishwa na WIC kubigurisha, kubikaba cyange kubitanga ku buntu mu bimenyeshamakuru, harimo imbuga nkoranambaga (nka Facebook), Craigslist, Ebay, television, radio, ibinyamakuru cyange ubundi buryo bw'ikorabuhanga (gucuruza).

Njye cyange undi muntu ku giti cyange mu mwanya wange yakoresha amagambo atuka (acafuza) cyange agakubita umukozi wo muri WIC cyange aho mpahira ibiryo (gufata nabi).